

REPUBULIKA Y'U RWANDA



MINISITERI Y'UBUTABERA

**IMFASHANYIGISHO Y'ABAZAHUGURA ABANDI KU
GUKEMURA AMAKIMBIRANE MU MAHORO:
UBUHUZA BWUNZI**

INTANGIRIRO:

Mu Rwanda rwo hambere, uburyo bwo gukemura amakimbirane bukoze n'abaturage ubwabo bwari bufite umwanya ukomeye. Inzego zose zagiraga uruhare mu ikumira n'ikemurwa ry'amakimbirane; zashingiraga ibyo zikora ku kugerageza kunga abafitanye ikibazo. Nyuma ya 1994, inzego z'ubutabera zari zashegeshwe zisa nk'izitariho, nta bakozi nta bikoresho byaharangiye, n'amategeko yari atakijyanye n'igihe. Mu gukemura icyo kibazo kigoye; muri 2001 u Rwanda rwashyizeho Inkiko Gacaca, hashingiwe kuri uwo muco nyarwanda wahozeho. Inkiko Gacaca zatanze umusaruro mwiza, bituma zifatwaho urugero hashyirwaho Komite z'Abunzi, zihabwa inshingano y'ibanze yo kunga abafitanye amakimbirane mu rwego rwo kugarura ubumwe mu muryango nyarwanda.

Nubwo Inkiko Gacaca zafashweho urugero mu gushyiraho Komite z'Abunzi; uburyo bwo gukemura amakimbirane bw'izo nzego zombi buratandukanye. Inkiko Gacaca zakoraga nk'Inkiko mpanabyaha zifite intego yo kugaragaza umunyabyaha n'umwere no gutanga ibihano. **Umurimo w'ibanze w'Inyangamugayo za Gacaca wari uwo guca imanza, ntiwari uwo kunga. Bitandukanye na Komite z'Abunzi zigomba kunga:** ntizishakisha umunyabyaha zishaka igisubizo kinyuze kandi kirambye ku mpande zifitanye ikibazo.

Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavugururwe kugeza ubu, riteganyaga ishyingiraho rya Komite z'Abunzi mu ngingo ya 159 igira iti: « **Komite z'Abunzi zibereyeho gufasha mu kunga, bitegetswe gukorwa igihe cyose mbere y'uko bashyikiriza urukiko ruburanisha ku rwego rwa mbere, ibibazo biteganywa n'itegeko.** » Muri iyi ngingo kandi bivugwa ko Abunzi ari abantu b'inyangamugayo bazwiho kuba bashoboye kunga. Ibijyanye n'imiterere n'imikorere bya Komite z'Abunzi bigarukwaho n'amategeko.

Intego n'imiterere by'imfashanyigisho

Iyi mfashanyigisho igenewe Abazahugura abandi. Igamije gufasha guha abazitabira amahugurwa ubumenyi bw'ibanze ku bijyanye n'imiterere y'umurimo w'Abunzi n'uburyo ukorwamo.

Amahugurwa azarangira asigiye Abafashamyumvire ubumenyi buhagije ku murimo wo kunga, hakoreshejwe ubumenyi n'ubundi buryo bwo gufasha impande zombi zifitanye ikibazo.

Iyi mfashanyigisho iteguwe ku buryo izakoreshwa mu guhugura abunzi hagamijwe ko buri wese uyarimo azagira uruhare mu gutanga ibitekerezo. Izanafasha abafashamyumvire gutanga neza ubumenyi mu bijyanye n'umurimo wo kunga.

Byumwihariko isobanura umurimo wo kunga, uburyo kunga bikorwamo n'akamaro k'umwunzi muri rusange.

Iyi mfashanyigisho kandi iyobora umufashamyumvire igaragaza uburyo ibiganiro bitangwa n'ibikenerwa kuri buri kiganiro.

Abo iyi mfashanyigisho igenewe

Iyi mfashanyigisho igenewe abazahugura abagize Komite z'Abunzi z'Akagari n'Umurenge.

Intego z'amahugurwa:

Nyuma y'aya mahugurwa y'iminsi 2, abahugurwa bazabasha:

- Kumva akamaro n'imirongo migari y'imyitwarire yabo ku bijyanye n'umurimo w'Abunzi
- Kugira ubumenyi butandukanye no kumenya uburyo bushobora gukoreshwa kugira ngo kunga bikorwe neza.

INTANGIRIRO

Ikigamijwe: kwakira abitabiriye amahugurwa no kubafasha kwisanga no kumenyera.

Ibikoresho bikenewe: bizaterwa n'uko umufashamyumvire yateguye gutangira

Umufashamyumvire afite inshingano zo gushaka no kureba aho amahugurwa azabera; hagomba kuba ari hagari bihagije akurikije umubare w'Abunzi ateganya kuhahugurira kandi hari umwuka uhagije kugirango abahugurwa babe bari mu mimerere myiza.

Umufashamyumvire araha abahugurwa ikaze, agomba no kubaha umwanya bakibwirana niba hari igihe gihagije (bashobora no kubikora mu mukino)

Umufashamyumvire afata umwanya wo kubaza abahugurwa icyo bategereje kuri ayo mahugurwa, babimwandikire ku mpapuro. Agomba gusoma ibyo bamwandikiye kugirango amenye ko azabasha gusubiza ibyifuzo byabo bose muri ayo mahugurwa

Umufashamyumvire amenyesha abahugurwa intego n'imiterere by'iyi mfashanyigisho, azanabaha umwanya wo kugirango bayiganireho bose hamwe.

Umufashamyumvire n'abahugurwa bafatanya gushyiraho amategeko bazagenderaho mu gihe bazaba bari mu mahugurwa. Amategeko bashobora gushyiraho ni nkaya akurikira:

- Kwirinda gusohoka hato na hato
- Gushyira telephone muri bucece
- Kubaha ibitekerezo biri bugende bitagwa
- Kutavugira icyarimwe
- Kudatandukira / kudatakaza umwanya

ISOMO RYA MBERE 1: AMATEKA Y'IMIKEMURIRE Y'AMAKIMBIRANE MU RWANDA	
Intego z'isomo:	- Gusobanukirwa / kumenya amateka y'imikemurire y'amakimbirane mu Rwanda
Ibikoresho bikenewe:	<ul style="list-style-type: none"> - Igipapuro kinini - Marikeri - Ibipapuro byanditseho intego z'ikiganiro - Udufashi - Incamake y'amateka y'ikemura ry'amakimbirane mu Rwanda
Intangiriro: <ul style="list-style-type: none"> - Guha ikaze buri wese mu kiganiro kigiye gutangwa: <ul style="list-style-type: none"> o Nyuma y'iki kiganiro, abahugurwa bazabasha gusobanukirwa neza amateka y'imikemurire y'amakimbirane mu Rwanda. o Abahugurwa bazaba basobanukiwe n'amavu n'amavuko ya Komite z'Abunzi 	
Isomo: Amateka y'imikemurire y'amakimbirane mu Rwanda Uburyo bukoreshwa: <ul style="list-style-type: none"> o Umufashamyumvire abaza abahugurwa ibibazo bibafasha kugaragaza bo ubwabo amateka y'ikemura ry'amakimbirane mu Rwanda mu bihe bitandukanye. o Umufashamyumvire yafata ibitekerezo by'abantu batandukanye akabyandika ku rupapuro runini abishyira mu byiciro 4 (mbere y'ubukoroni, mu gihe cy'ubukoroni, nyuma y'ubukoroni kugeza muri 1994 na nyuma ya Jenocide yakorewe abatutsi). o Guhuza ibisubizo byatanzwe n'ibiteganijwe muri module, kandi ukabihuza n'akamaro k' Abunzi. 	

I.1. Amateka y'ikemura ry'amakimbirane mu Rwanda:

Amateka yo gukemura amakimbirane mu Rwanda yareberwa mu bihe bikurikira:

1. mbere y'ubukoloni
2. mu gihe cy'ubukoroni
3. nyuma y'ubukoroni kugeza mu 1994
4. nyuma ya Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994

I.1.1.Mbere y'ubukoloni:

Mbere y'Ubukoloni, abanyarwanda bari bafite uburyo bwo gukemura amakimbirane. Abagiranaga ibibazo baricarana bagashakisha umuti w'amakimbirane yabonetse mu muryanago.

Abatware babanaga n'abaturage mu buzima bwabo bwa buri munsu bagiraga uruhare mu gufasha abafitanye amakimbirane kuyabonera umuti.

Umwami yaritabazwaga mu gushakisha umuti w'amakimbirane iyo abandi babaga batabashije kuwubona.

Icyabaga kigamijwe mbere na mbere ni ukunga abagiranye amakimbirane, hagashakwa umuti uzatuma abantu bakomeza kubana neza.

I.1.2. Mu gihe cy'ubukoloni.

Mu gihe cy'ubukoloni, amakimbirane yakomeje gukemurwa mu miryango. Abakoloni bahinduye imiterere y'ubuyobozi, abashefu n'abasushefu bitabazwaga mu gukemura amakimbirane.

Umwami nawe yafashaga mu gukemura amakimbirane akabikora afatanyije n'abayobozi b'abakoloni. Hatangiye gushyirwaho amategeko agamije mu gufasha mu gukemura amakimbirane.

Muri icyo gihe, umuco wo kunga no gukemura amakimbirane hagamijwe ko abantu bakomeza kubana mu mahoro watangiye kugabanuka, hitabwa cyane cyane ku guhana uwabangamiye mugenzi we.

I.1.3 Nyuma y'ubukoloni kugeza mu 1994

Nyuma y'ubukoloni, u Rwanda rumaze kubona ubwigenge, hashyizweho amategeko yanditse yo gukemura ibibazo n'amakimbirane. Hashyizweho inkiko zihabwa inshingano zo gukemura amakimbirane.

Ubwo buryo bushya bwo gukemura amakimbirane hakoreshejwe amategeko yanditse mu nkiko, hibandwaga ku kureba ikibazo, bagahana uwakosheje aho kunga abagiranye ikibazo.

I.1.4 Nyuma ya Jenocide yakorewe abatutsi mu 1994

Nyuma ya Jenocide yakorewe abatutsi mu 1994, mu Rwanda uburyo bwo gukemura amakimbirane bufatiye ku nkingi 2.

- Hari uburyo bwo gukemura amakimbirane hakoreshejwe amategeko yanditswe. Ubu buryo bukoreshwa n'inkiko, ikiba kigamijwe ni ukumenya uwakoze nabi agahanwa, uwakorewe inabi akarenganurwa.
- Hari uburyo bwo gukemura amakimbirane bikozwe n'abaturage ubwabo. Ubu buryo bukoreshwa na Komite z'Abunzi, ikiba kigamijwe ni ugukumira amakimbirane, hageragezwa kumvikanisha abafitanye amakimbirane kugira ngo abonerwe umuti, bityo abantu bakomeze babane neza.

I.2. Amavu n'amavuko bya Komite y'Abunzi

I.2.1 Umuco nyarwanda :

Uburyo bwo gukemura amakimbirane bukoze n'abaturage ubwabo bwari bufite umwanya ukomeye mu Rwanda. Inzego zose zagiraga uruhare mu ikumira n'ikemurwa ry'amakimbirane zashyingiraga ibyo zikora ku kugerageza kunga abafitanye ikibazo aho gutesha agaciro umwe mubafitanye ikibazo.

Nyuma ya 1994, inzego z'ubutabera zari zashegeshwe zisa nk'izitariho; nta bakozi nta bikoreho byaharangiye, n'amategeko yari atakijyanye n'igihe. Mu gukemura icyo kibazo kigoye, muri 2001 u Rwanda rwashyizeho Inkiko Gacaca, hashingiwe kuri uwo muco nyarwanda wahozeho.

U Rwanda rwashyiraye kuri urwo rugero rushyiraho Komite z'Abunzi, zifite inshingano y'ibanze yo kunga abafitanye amakimbirane mu rwego rwo kugarura ubumwe mu muryango nyarwanda, bikozwe vuba ndetse bikanakuraho n'amafaranga mu gukemura amakimbirane.

I.2.2 Gahunda ya Leta yo kugeza ubutabera kuri bese :

Igitekerezo cyo gushyiraho Komite z'Abunzi kiza na none mu rwego rwo gushakisha uko ubutabera bwagera kuri bese kandi ari bwiza: kugana Komite z'Abunzi ufite ikibazo ni uburyo bwihuse, bworoshye, budahenze, kuko ari ubuntu. Ikindi kandi n'uko gukemurira ibibazo mbonezamubano cyangwa nshinjabyaha bito bito muri Komite z'Abunzi bigabanya ubwinshi bw'imanza mu nkiko.

I.2.3 Amategeko :

Hashingiwe ku byifuzo by'Abaturage, umuco wo kunga washyizwe mu mategeko.

Ni muri urwo rwego gushyiraho urwego rwa Komite z'Abunzi, bigaragazwa n'ingingo ya 159 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda. **Komite z'Abunzi zibereyeho gufasha mu kunga, bitegetswe gukorwa igihe cyose mbere y'uko bashyikiriza urukiko ruburanisha ku rwego rwa mbere, ibibazo biteganywa n'itegeko.** Muri iyi ngingo kandi bivugwa ko Abunzi ari abantu b'inyangamugayo bazwiho kuba bashoboye kunga. Amategeko atandukanye yagiye asobanura, imiterere, ifasi, ububasha n'imikorere bya Komite z'Abunzi. Nyuma y'itegeko ryabanje muri 2004, ryahinduwe muri 2006, muri 2010 no muri 2015. Iteka rya Minisitiri ryo muri 2011 rivuga ku mategeko ngenga mikorere ya Komite z'Abunzi¹.

Muri iki gihe, Komite z'abunzi zigengwa n'itegeko 02/2010/OL ryo ku ku wa 09/06/2010 rigena imiterere, ububasha n'ifasi bya Komite z'Abunzi nk'uko ryavugururwe kandi ryujijwe kugeza ubu.

Umwanzuro:

- Uburyo bwo gukemura amakimbirane bukoze n'abaturage bwagiye bugira uruhare rukomeye mu Rwanda mu bihe byose.
- Nyuma ya Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 ubwo buryo bwahawe umwanya ukomeye hashyirwaho Gacaca na Komite z'Abunzi.
- Komite z'Abunzi zashyizweho ngo zigire uruhare mu gukemura amakimbirane mu Rwanda.
- Kwibutsa abahugurwa intego y'ikiganiro no gusuzuma ko zagezweho.

Ibyo umufashamyumvire agomba kwitaho:

- Iri somo ryose ritangwa mu buryo bw'ikiganiro hagati y'uhugura n'uhugurwa. Uhugura yakira ibitekerezo ubundi agatanga n'ibisubizo kubibazo byabajijwe.
- Kumenya itandukaniro riri hagati y'ikemura ry'amakimbirane mu bihe bitandukanye hifashishijwe ingero zifatika.

¹ Iteka rya Minisitiri n° 82/08.11 ryo kuwa 2/05/2011 rigena amategeko ngenga mikorere ya za Komite z'Abunzi.

ISOMO RYA 2: GUSOBANUKIRWA AMAKIMBIRANE N'INKOMOKO YAYO

Intego y'isomo: Nyuma y'iri somo abahugurwa bazaba basobanukiwe n'amakimbirane icyo ari cyo, n'inkomoko yayo.

Ibikenewe:

- Igipapuro kinini
- Marikeri
- Ibipapuro byanditseho intego z'ikiganiro
- Udufashi
- Igishushanyo cy'igitunguru cy'amakimbirane
- Igishushanyo cy'igiti cy'amakimbirane

Intangiriro:

Mu kiganiro giheruka twabonye ikiganiro ku mateka y'ikemura ry'amakimbirane mu Rwanda, n'amavu n'amavuko bya Komite z'Abunzi.

Muri iri somo tugiye kureba icyo amakimbirane aricyo.

Isomo: Amakimbirane n'inkomoko yayo

Uburyo bukoreshwa :

- Umufashamyumvire ashyira abahugurwa mu matsinda abiri, itsinda rimwe rigakora umwitozo wo gushaka igisobanuro cy'amakimbirane; irindi rigakora umwitozo wo kuvuga inkomoko y'amakimbirane
- Buri tsinda rihabwa umwanya wo kugaragaza ibyo ryakoze.
- Umufashamyumvire yuzuza ibyo buri tsinda ryagaragaje, aho biri ngombwa agakosora kugirango bise n'ibisobanuro biri mu mfashanyigisho.

II.1. Igisobanuro cy'ijambo "Amakimbirane"

Amakimbirane Ni ukutavuga rumwe cyangwa kugira ubwumvikane buke bigaragara hagati y'impande ebyiri zihanganye cyangwa hagati y'abantu babiri, bishingiye ku bintu bafiteho inyungu, ku byifuzo cyangwa ku bitekerezo. Amakimbirane arangwa no gushyushya imitwe, amarangamutima, kutumvikana no gusubiranamo. Rimwe na rimwe usanga ari uguhangana, ugushyamirana, imirwano, gutandukana, gushihurana, intonganya, kujya impaka n'intambara.

II.2. Ubwoko bw'amakimbirane

- Amakimbirane aba mu muntu ku giti cye: aya makimbirane abaho iyo umuntu agomba guhitamo hagati y'ibintu bibiri hanyuma akagongwa ku ruhande rumwe n'ibyifuzo bye bwite, ku rundi ruhande akagongwa n'impamvu zituma agomba

gukora ayo mahitamo.

- Amakimbirane aba hagati y'abantu: ayo makimbirane aba hagati y'abantu babiri cyangwa benshi.
- Amakimbirane aba hagati y'udutsiko/amatsinda: ni amakimbirane aturuka ku kudashyira hamwe kw'amatsinda atandukanye, agahangana. Aya moko y'amakimbirane ari hagati y'abantu n'amatsinda aratandukanye. Ashobora kuba ashingiye ku bitekerezho, ku ndangagaciro, ku nyungu, ku bantu no ku gutsimbarara ku bintu.
- Amakimbirane y'ibitekerezho: ni ukutumvikana gushingiye ku bitekerezho binyuranye bisa nk'aho ari uguhangana.
- Amakimbirane y'indangagaciro: ni amakimbirane ashingiye ku guhitamo uburyo bw'imibereho cyangwa ingengabitekerezho (idéologie). Mbese ni nk'ihangana hagati y'imyemerere (idini).
- Amakimbirane y'inyungu: ashingiye ku kutumvikana ku byo umuntu cyangwa agatsiko gafiteho inyungu.
- Amakimbirane y'abantu n'abandi: ni akomoka ku myifatire yo kutishimira undi cyangwa ku ipiganwa. Ahanini akomoka ku bwumvikane buke hagati y'abantu babiri.

II.3 Uburyo amakimbirane yigaragaza

- **Amakimbirane yihishe:** umuntu umwe cyangwa benshi bahuye n'ikibazo, ntibishimire uko babona ibintu biri kugenda maze bikabashyushya umutwe.
- **Amakimbirane agaragara:** abafitanye ikibazo bitana bamwana, umwe ashinja mugenzi we ko ari we nyirabayazana w'ikibazo, agashakisha uburyo bwose bwo kumutsinda.
- **Amakimbirane arimo urugomo:** abafitanye ikibazo bakoresha urugomo n'amahane, buri wese ashaka gutsinda undi.

II.4. Ingaruka z'amakimbirane

Amakimbirane agira ingaruka ku myifatire y'abafitanye ikibazo ubwabo, ariko iyo adakemuwe ashobora no kugira ingaruka ku muryango muto, uwaguye ndetse no ku gihugu.

II.4.1 Ingaruka z'amakimbirane ku myifatire y'abafitanye ikibazo

- Abafitanye ikibazo ntibagaragaza mu buryo bumwe inkomoko yacyo.
- Buri ruhande rwihagararaho, rugatsimbarara.
- Nta ruhande na rumwe rugerageza gutanga igitekerezho ku bintu bitumvikanwaho.
- Gutsimbarara k'uwatanze igitekerezho bitesha igihe, bigaca intege no kuba hatagaguzwa amafaranga: "ibiganiro ntibigira icyo bibyara cy'ingirakamaro".
- Buri wese akoresha ubwenge, agashaka kuzana ibishya hagamijwe gusa gusenya igitekerezho cy'uwo bahanganye aho kugikosora.
- Igitekerezho gifite ingufu ni cyo gishyirwa hejuru, bitavuze ariko ko ari cyo

cy'ingirakamaro.

II. 4.2. Ingaruka z'amakimbirane ku muryango nyarwanda

- Amakimbirane ashobora kudindiza amajyambere y'igihugu
- Amakimbirane adakemuwe akurura ukwishishanya n'inzangano mu mibanire y'abantu.
- Amakimbirane adakemuwe ashobora guteza umutekano muke mu gihugu.

II.4.3. Ingaruka z'amakimbirane ku muryango nyarwanda

- Amakimbirane ashobora kudindiza amajyambere y'igihugu
- Amakimbirane adakemuwe akurura ukwishishanya n'inzangano mu mibanire y'abantu
- Amakimbirane adakemuwe ashobora guteza umutekano muke mu gihugu.

Nk'urwego rwunga, Komite z'Abunzi zigomba kumenya ko amakimbirane ahari, zikayasesengura kugira ngo zishobore kuyitaho no kuyakemura. Ibyo bikorwa hagamijwe kugarura umubano hagati y'abafitanye ikibazo no mu muryango nyarwanda muri rusange.

Inkomoko y'amakimbirane: Hari ibintu byinshi bishobora kwifashishwa mu gusesengura inkomoko y'amakimbirane.


Igitunguru cy'amakimbirane:

Mu makimbirane, abayafitanye usanga kenshi bashaka guhisha ibyifuzo byabo, inyungu zihishe inyuma y'ibyo bavugaga ku mugaragaro. Nkuko ibice by'igitunguru bibyerekanaga, ibivugwaga n'abafitanye ikibazo ku mugaragaro biba bihabanye cyane n'ibyifuzo byabo n'inyungu zabo mu kibazo. Kugira ngo ikibazo gikemurwe mu buryo burambye, ni byiza kwibanda ku nyungu zabo no ku byo bakeneye. Ibigomba gusesengurwa ni ibi bikurikira :

- Ibyo umuntu aharanira: icyo umuntu ashyize imbere yivugira ubwe ko ashaka.
- Inyungu ze : icyo umuntu ashaka by'ukuri
- Ibikenewe: icyo umuntu akeneye koko.

Igishushanyo cy'Igitunguru gifasha gushyira ahagaragara ibyo abafitanye ikibazo berekana ko baharanira mu kibazo cyabo, inyungu zabo n'ibyo bakeneye.

- Igice cy'inyuma cy'igitunguru kigaragaza ibyo abantu bashyize imbere berekana ko ari byo baharanira.
- Igice gikurikira ugana imbere ni inyungu z'abafitanye ikibazo: icyo bashakaga mu by'ukuri.
- Igice kihishe imbere kigaragaza ibyo bakeneye: ibyo bakeneye koko.



Igiti cy'amakimbirane


Ni igishushanyo cy'igiti gitondekanywaho ibibazo by'ingenzi mu makimbirane.

- Amababi y'igiti ni ingaruka z'amakimbirane.
- Igihimba ni ikibazo cy'ingenzi (ishingiro ry'ikibazo).
- Imizi ni imizi y'ikibazo, inkomoko yacyo (icyateye amakimbirane).

Ubu buryo bwo kugaragaza amakimbirane hakoreshejwe ibishushanyo butuma, habaho ikiganiro ku cyateye amakimbirane n'ingaruka zayo; bifasha abafitanye ikibazo kwibanda ku kibazo ubwacyo (**ikibazo cy'ingenzi**). Gufasha abafitanye ikibazo gufata umwanzuro ku by'ibanze bikwiye kwitabwaho kurusha ibindi, ni ukuvuga ku kibazo cy'ingenzi ibindi bishamikiyeho no guhuza ibyateye ikibazo n'ingaruka zacyo, n'ikibazo ubwacyo.

Ibigomba gusesengurwa ni ibi bikurikira :

- Ikibazo cy'ingenzi: ikibazo nyacyo ni ikihe?
- Impamvu: cyatewe n'iki, inkomoko nyayo ni iyihe?
- Ingaruka: ni izihe nkurikizi z'iki kibazo?
- Aho tugomba gutangirira: ikibazo cy'ingenzi kigomba gukemurwa ni ikihe ?



Urugero rw'ikoreshwa ry'igiti cy'amakimbirane mu gusesengura ikibazo

Ikibazo :

Umugore w'umupfakazi yirukanywe n'abo mu muryango yashatse mu mutungo w'umuryango yari asangiye n'umugabo we wapfuye nyuma yo kubyara umwana utari uw'umugabo we wapfuye. Umugore arasaba ko uburenganzira bwe ku mutungo w'umuryango bwubahirizwa.

Icyataye amakimbirane/umuzi w'ikibazo (umuzi w'igiti): (1) kudasobanukirwa n'uburenganzira umupfakazi n'umwana we bafite ku mutungo w'umuryango, (2) inzitizi zishingiye ku mucu zibangamira iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'umugore, (3) kudasobanukirwa n'itegeko rigena imicungire y'umutungo w'abashaanye, impano n'izungura n'ibindi.

Ikibazo nyacyo (igihimba cy'igiti): ni ikibazo cy'izungura: umugore n'abo mu muryango yashatse barapfa umutungo w'umuryango (inzu, ubutaka n'ibindi) nyuma y'urupfu rw'umugabo we.

Ibyigaragaza mu makimbirane (amababi y'igiti): (1) abo mu muryango w'umugabo bateye umugore baramumenesha, (2) umugore arahunga we n'umwana we, (3) Asigaye ari wenyine, (4) nta cumbi (5) nta bufasha namba. Yatakaje uburenganzira bwose yari afite ku mutungo w'umuryango yari asangiye n'umugabo we.

Ibintu bishobora gutuma amakimbirane akomera (biri inyuma y'ikibazo ariko bikagira ingaruka mbi ku bigaragaza ikibazo):

- (1) Se w'umwana yabyaye nyuma y'urupfu rw'umugabo we aje kurara mu rugo rwa wa mupfakazi;
- (2) Nyirabukwe aje gutema igitoki mu murima w'umukazana, umukazana akamwangira n'ibindi.

Ibintu bishobora koroshya amakimbirane:

- (1) Umwe mubagize umuryango w'umugabo yitandukanije n'abandi akababwira ko ibyo bakora byo kwirukana uwo mugore atari byo;
- (2) Umugore afite abana bakuru bashobora kugerageza kuganira n'umuryango kuri icyo kibazo n'ibindi.

Umwanzuro:

- Gusobanurira neza abahugurwa ibiranga amakimbirane bibafasha abahugurwa gusobanukirwa n'amakimbirane icyo aricyo
- Gusobanukirwa amakimbirane bifasha abahugurwa kumenya ibiranga amakimbirane n'ibyifashishwa mu gukemura amakimbirane.
- Kumenya uko amakimbirane acyemurwa bifasha abahugurwa mu kunoza akazi kabo ka buri muni.

Ibyo umufashamyumvire agomba kwitaho:

- Umufashamyumvire agomba kumvisha abahugurwa akamaro ko gusobanukirwa amakimbirane.
- Umufashamyumvire yita ku gufasha abahugurwa yifashishije ingero zifatika mu gusobanukirwa amakimbirane.

ISOMO RYA 3: UBURYO BWO GUKEMURA AMAKIMBIRANE

Intego y'isomo: - Gusobanukirwa uburyo bwo gukemura amakimbirane.

Ibikenewe: - Igipapuro kinini
- Marikeri
- Udufashi

Intangiriro:

Mu biganiro byabanje twarebeye hamwe ibisobanuro by'amakimbirane, inkomoko zayo, n'ibyifashishwa mu kuyasesengura. Muri iki kiganiro turarebera hamwe uburyo butandukanye bukoreshwa mu gukemura amakimbirane.

Isomo: Uburyo bwo gukemura amakimbirane

Uburyo bukoreshwa mu kiganiro:

- Umufashamyumvire abaza abahugurwa bumwe mu buryo basanzwe bakoreshe mu gukemura amakimbirane bahura nayo mu mibereho yabo ya buri munsu.
- Nyuma abafasha kugaragaza na bumwe mu buryo bukoreshwa kenshi mu gukemura amakimbirane n'ibisobanuro byabwo.

III.1. Ibyifashishwa mu gukemura amakimbirane

Gukemura amakimbirane: Ni ukumenya ko hariho ikibazo, ko hari icyo abantu bapfa n'uko ari ngombwa gusesengura uko ibintu bimeze kuri ayo makimbirane hagamijwe kubona umuti w'ikibazo kugira ngo hagarurwe amahoro arambye hagati y'impane zombi. Amahoro ashingiye ku kwemera kw'abafitanye ikibazo bakagira aho bahuriza hagati, badahakana ko amakimbirane ahari, bakemera gukemura ikibazo hakoreshejwe ubundi buryo butari ugushyamiyana cyangwa urugomo.

Nyuma yo kugaragaza abantu bafite uruhare mu kibazo n'ishingiro ryacyo, Abunzi bagomba gusobanukirwa n'inkomoko y'ikibazo/icyagiteye. Ni ngombwa kwibaza:

Ni iki cyateye iki kibazo?

Ibikoresho bitandukanye byakwifashishwa mu isesengura bifasha Abunzi gusobanukirwa n'inkomoko y'ikibazo, ishingiro ryacyo n'ingaruka zacyo. Kimwe muri ibyo bikoresho ni *igiti cy'amakimbirane*. Ibigomba gusesengurwa ni ibi bikurikira:

- Ikibazo cy'ingenzi: ikibazo nyacyo ni ikihe? (*ku gihimba cy'igiti*)
- Impamvu : cyatewe n'iki, inkomoko nyayo ni iyihe ? (*imizi y'igiti*)
- Ingaruka : ni izihe nkurikizi z'iki kibazo ? (*amababi y'igiti*)
- Aho tugomba gutangirira : ikibazo cy'ingenzi kigomba gukemurwa ni ikihe ?

Bumwe mu buryo bukoreshwa mu gukemura amakimbirane:

III.3.2 Uburyo bwo kunga: Ubuhuza n'ubwunzi

Ubuhuza ni uburyo bumwe bw'imishyikirano n'ubwumvikane, umuhuza afasha abifanye ikibazo bo ubwabo bakibonera umuti w'ikibazo cyabo.

Ubwunzi ni uburyo bumwe bw'imishyikirano n'ubwumvikane, umwunzi afasha abifanye ikibazo bo ubwabo bakibonera umuti w'ikibazo cyabo; ariko igihe abafitaye ikibazo badashoboye kubona igisubizo ubwabo, umwunzi areba niba bashobora kumvikana ku gisubizo abahaye.

Ubwunzi ni inzira ifasha abantu kumva ko batezwe amatwi kandi bumviswe, bakagera ku bwumvikane bibaturutseho, bakirinda guhangana, gutinda ndetse n'ikiguzi cyo kujya mu nkiko.

Abunzi bakoresha uburyo bw'ubuhuza n'ubwunzi mu kazi kabo.

Dore zimwe mu nyungu zo gukemura amakimbirane binyuze mu bwunzi:

- Kugabanya ikiguzi cy'inkiko
- Bitwara igihe gito
- Ububasha bwo guhitamo umwunzi/ubakemurira ikibazo
- Uruhare rw'abafitanye amakimbirane ruriyongera (hatangwa umwanya wo kuganira ku mpande zombi)
- Ubushobozi bwo kwishakamo ibisubizo (abafitanye ikibazo bashobora gusabana imbazi ikibazo kigahita gikemuka)
- Uburambe bw'amasezerano (Amasezerano agezweho binyuze mu bunzi afite amahirwe yo kuramba kubera ko abafitanye ikibazo aribo bayishyiriraho.)

III.4. Uburyo butandukanye bwo gukemura amakimbirane

Gukoresha ingufu: Ni ukukoresha imbaraga mu gukemura cyangwa guhosha amakimbirane y'abashyamiranye. Mu gukoresha imbaraga, cyangwa igitugu, nta bwumvikane bubaho mu gukemura ikibazo kuko uruhande rumwe rufata ibyemezo rukoresheje imbaraga; muri icyo gihe habaho gutsinda no gutsindwa.

Urugero: Gukoresha imbaraga za gisirikari

Gutsimbarara/guhatana: Ni uburyo bukoresha igitugu, nta mishyikirano ibamo. Uba ushakisha inyungu zawe utitaye ku z'abandi. Ni uguharanira kugaragara nk'umutegetsu ku buryo utanga ibitekerezo bishoboka byose kugira ngo wihagarareho, ushaka guhagarara ku kintu ubona gikwiye cyangwa se wishakira gutsinda uko byagenda kose.

Guhunga (kwirengagiza) ikibazo: Ubu buryo ntiburangwamo igitugu cyangwa imishyikirano. Ukemura amakimbirane ntashaka gusesengura ikibazo. Ubu buryo ni nk'ubwo koroshya ibintu wirinda impaka, ikibazo kigashyirwa ku ruhanda utegereje ko wabona igihe cyiza cyo kugikemura cyangwa se wishakira gusa guhunga ibintu.

Gukoresha amategeko: Abashyamiranye bajya mu nkiko, abacamanza bakaba aribo bonyine bafata icyemezo kandi uwagifatiwe akaba agomba kucyubahiriza, yabyanga hagakoreshwa ingufu za Leta.

Gufatanya: Ubu buryo butandukanye n'uburyo guhunga ikibazo. Gufatanya bisobanura kugaragaza ubushake bwo gukorera hamwe n'urundi ruhande, hagashakwa igisubizo kibashimisha bombi. Ibi bisaba kwinjira mu mizi y'ikibazo, kugaragaza inyungu za buri wese no kubona umuti washimisha impande zombi. Abafitanye ikibazo bose hamwe bafata icyemezo cyo kugerageza kugikemura.

Kwigomwa cg guharira undi: Ni uburyo budakoresha igitugu ahubwo habaho gushyikirana, butandukanye n'uburyo bwo gutsimbarara. Ukoresha ubu buryo, ashyira imbere undi aho kwita ku nyungu ze bwite (biganisha ku kwitanga). Bishobora kugira isura yo kugira ubuntu cyangwa kwitangira undi ho igitambo (guharira undi n'ubwo uba utabyifuzaga cyane).

Gushyikirana no kumvikana: Abafitanye amakimbirane biyemeza kuganira ku byo batandukaniyeho, bakagira ibyo bigomwa bashaka aho baturira hagati. Intego ni ugushaka igisubizo cyumvikanyweho kandi gishobora gushimisha impande zombi. Ubu buryo buri hagati y'uburyo bwo gutsimbarara no kwemera kurekura ikintu. Ikibazo gikemurwa mu buryo butandukanye n'ubwo kugihunga, ariko na none ntabwo winjira cyane mu gushakisha ibisubizo bishoboka byose ku kibazo nk'uko bikorwa mu buryo bwo gukemura amakimbirane hakoreshejwe ubufatanye.

Ubuhuza: Ubuhuza ni uburyo bumwe bw'imishyikirano. Ni ubwumvikane abashyamiranye bageraho babifashijwemo n'umuhuza. Ubuhuza bukorwa mu buryo bubiri. Hari ubuhuza abafitanye ikibazo bihitiramo umuhuza akabakiranura abafatira icyemezo kandi icyemezo cyafashwe kikaba kigomba kubahirizwa. Hari n'ubuhuza abafitanye ikibazo bashaka umuhuza akagerageza kubumvikanisha, ariko bakifatira uwanzuro.

Umwanzuro:

- Umufashamyumvire agomba gufasha abahugurwa gusobanukirwa n'uburyo bukoreshwa mu gukemura amakimbirane n'itandukaniro riri hagati yabwo.
- Mu kubusobanura azibanda cyane ku buhuza n'ubwunzi, kuko aribwo bukoreshwa mu mirimo yabo ya buri muni abagaragariza n'inyungu zo gukoresha ubu buryo.

Ibyo umufashamyumvire agomba kwitaho:

Umufashamyumvire agomba kumenya neza ko abahugurwa bumvise neza uburyo bwo gukemura amakimbirane cyane cyane ubwo bakoresha kenshi.

ISOMO RYA 4: ZIMWE MU NZEGO ZIFASHISHWA MU GUKEMURA AMAKIMBIRANE		
Intego y’isomo:	- Abahugurwa bararebera hamwe inzego z’ubuyobozi bwa Leta zigira uruhare mu ikemurwa ry’amakimbirane.	
Ibikenerwa:	- Igipapuro kinini - Marikeri - Udufashi	
Igihe giteganyijwe:	Iminota xxxx	
Intangiriro:		
- Mu kiganiro giheruka twabonye uburyo bwo gukemura amakimbirane. - Ni ingenzi kumenya zimwe mu nzego zifite mu nshingano zazo gukemura amakimbirane.		
IV.1. Zimwe mu nzego zifashishwa mu gukemura amakimbirane		
Mu Rwanda inzego zigira uruhare mu gukemura amakimbirane ni nyinshi kandi z’ubwoko butandukanye. Zimwe zifite inshingano y’ingenzi yo kunga abafitanye ikibazo, izindi zigafata ibyemezo bifite uburemere butangwa n’itegeko.		
Inzego zigira uruhare mu gukemura amakimbirane zirimo ibice bibiri bitandukanye: inzego zikemura amakimbirane ku bw’itegeko (Inkiko, Komite z’Abunzi n’izindi), n’inzego nkemurampaka ku buryo busanzwe (Komite z’imidugudu, Inama Nkuru y’Igihugu y’abagore /CNF, Abayobozi b’Inzego z’Ibanze, Imiryango ya Sosiyeti Sivile, Komisiyo zikorera mu madini n’amatorero, n’ibindi).		
N’ubwo zitashyizweho n’itegeko nk’inzego zikemura amakimbirane, izi nzego zigira uruhare runini mu gukemura amakimbirane. Zituma abafitanye ikibazo bahabwa amahirwe yo kuba bakwiyunga mbere y’inzego zibanziriza inkiko (Komite z’Abunzi) n’Inkiko. Ariko ntabwo ari itegeko ko bagomba guca muri izo nzego mbere yo kugana Komite z’Abunzi.		
Imbonerahamwe ikurikira igaragaza inzego zikemura amakimbirane:		
Ubwoko bw’urwego	Iby’ingenzi biziranga	Urwego
Inzego z’ubutabera	Zifite inshingano zo guca imanza zigafata ibyemezo bishingiye ku mategeko.	- Urukiko rw’Ibanze - Urukiko rw’Ubucuruzi - Urukiko rwa Gisirikare - Urukiko Rwisumbuye

		<ul style="list-style-type: none"> - Urukiko Rukuru rwa Gisirikare - Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi - Urukiko Rukuru - Urukiko rw'Ikirenga
Inzego zibanziriza Inkiko	<ul style="list-style-type: none"> - Birashoboka kuzigana utabanje guca mu zindi nzego; - Zifite inshingano zo kunga buri gihe ku kibazo; - icyemezo gifatwa gusa iyo kunga byananiranye; - Kunoza imibanire y'abaturage 	Komite z'Abunzi: <ul style="list-style-type: none"> - Ku rwego rw'ukagari - Ku rwego rw'umurenge (ubujurire)
Izindi nzego	<ul style="list-style-type: none"> - Zifite mu nshingano zabo kwakira ibibazo by'abaturage no ku bicyemura - Zirakorana mu gukemura ibibazo by'abaturage 	<ul style="list-style-type: none"> - Urwego rw'Umuvunyi - Komisiyo y'uburenganzira bwa muntu - MAJ - Ubuyobozi bw'inzego z'ibanze - Ubugenzuzi bw'umurimo - Ubukemurampaka,...

IV. 2 Umwanzuro:

- Umufashamyumvire agaragariza abahugurwa inshingano za buri rwego.
- Abahugurwa basobanurirwa imikoranire y'inzego zose.

Ibyo umufashamyumvire agomba kwitaho:

Umufashamyumvire agomba kwita ku kumenya niba abahugurwa basobanukiwe n'inshingano za buri rwego.

IOMO RYA 6: IMYITWARIRE Y'UMWUNZI	
Intego y'isomo:	- Abahugurwa barasobanukirwa n' amahame y'imyitwarire y'umwunzi.
Ibikenerwa:	<ul style="list-style-type: none"> - Igipapuro kinini - Marikeri - Udufashi - Itegeko rishyiraho Komite z' Abunzi
Intangiriro: Kwiyibutsa amahame shingiro /y'ingenzi mu murimo w'abunzi. Ibi birafasha abahugurwa kumenya imyitwarire igomba kubaranga nk'abunzi.	

Imyitwarire y'umwunzi

Uburyo bukoreshwa:

- Umufashamyumvire abaza abahugurwa gutanga ingero kuri imwe mu myifatire iranga abunzi.
- Umufashamyumvire afata ibitekerezo by'abantu 2 cyangwa 3 hanyuma ugatanga ibisobanuro nyabyo kuri bese (byerekane ku rupapuro byanditseho) kandi ubihuze n'akamaro k' Abunzi.

VI.1. Umwunzi ni muntu ki?

Ni umuntu ugerageza kunga abantu hagati yabo; ameze nk'umusifuzi cyangwa umuhuza. Komite y'Abunzi ifite uruhare rukomeye mu muriyango nyarwanda cyane mu gace ikoreramo. Intego nyamukuru y'abunzi ni ugutuma habaho amahoro; kugirango ibyo bigerweho amakimbirane hagati y'abantu agomba kugira uburyo akemurwamo.

Icyamba mbere abunzi bashinzwe ni ukumvikanisha abafitanye ikibazo aho batuye. Iyo kumvikanisha impande zombi bidashobotse nibwo abunzi bisunga amategeko bagafata umwanzuro wabo. Abunzi ntibagomba kwirengagiza icyiciro cyo kumvikanisha abafitanye ikibazo.

VI.2 Imyitwarire y'abunzi

Umwunzi mu kazi ke ka buri munsu agomba kurangwa n'ubunyangamugayo. Umwunzi ashirwaho atowe nk'uko biteganyijwe n'Itegeko.

Indahiro y'umwunzi

Mbere yo guhabwa inshingano nk'umwunzi, buri mwunzi agomba kurahira. Dore ibigize indahiro y'abunzi.

Indahiro:

“Jyewe,....., ndahiriye u Rwanda ku mugaragaro:

1. ko ntazahemukira Repubulika y' uRwanda;
2. ko nzubahiriza Itegeko Nshinga n'andi mategeko;
3. ko nzaharanira uburenganzira bw'ibanze bwa Muntu n'ibyagirira Abanyarwanda bese akamaro;
4. ko nzaharanira ubumwe bw' Abanyarwanda;
5. ko nzakorana umurava imirimo nshinzwe;
6. ko ntazakoresha ububasha mpawe mu nyungu zanjye bwite.

Nintatira iyi ndahiro, nzabihanirwe n'amategeko.

Imana ibimfashemo“.

Umwunzi afite inshingano agomba kubahiriza. Biro ya Komite y'Abunzi igenzura imyitwarire y'Abunzi. Umwunzi wese ategetswe kubaha indahiro yarahiye cyane cyane nko kudatangaza ibyo yamenye abikesheje umurimo we kandi ari ibanga cyangwa inkuru ishobora gutera impagarara mu gihe bikwirakwijwe mu bantu. **Buri mwunzi agomba gukomera ku ibanga ry'akazi kabone n'iyo yaba atakiri kuri uwo murimo.** (Ingingo ya 33 Amategeko ngenga mikorere)

Indangagaciro z'umwunzi

Umwunzi wese ufite inshingano agomba kubahiriza harimo cyane cyane ibi bikurikira (ingingo ya 34 Amategeko ngenga mikorere):

1. kurangwa no kudahemuka, kwibwiriza, kwanga umugayo, kuvugisha ukuri no kutagira aho abogamira ;
2. kwita ku kazi no kugakorana umutimanama;
3. kwiubaha no kugira ikinyabupfura haba mu mibereho ye bwite n'iya bagenzi be cyangwa mu kwakira abaje bamugana;
4. kwirinda mu mibereho ye bwite n'iy'abandi, icyatuma atakaza icyizere cy'abafitanye ikibazo cyangwa icyari cyo cyose cyakwangiza isura n'icyubahiro cye nko kugira isindwe mu ruhame, ubusambanyi, imyambarire igayitse;
5. agomba kwirinda ubukene butewe no gutagaguza;
6. kuba intangarugero, kugaragaza ko afite uburere n'umuco w'ubwumvikane muri rubanda;
7. kwakira neza abaje bamugana, cyane abanyanteye nke nk'abapfakazi, impfubyi n'abandi bose bagaragara ko batishoboye;
8. Kwirinda gusubira mu byemezo byafashwe n'inkiko.

VI.3 Amahame y'ingenzi agomba gukurikizwa n'umwunzi:

Kwihuta mu byo akora

Amakimbirane afite ukuntu agenda ahindura isura vuba vuba. Nk'urugero ushobora gusanga amakimbirane yaratangiye ashingiye ku butaka nyuma ukaza gusanga yarabaye amakimbirane hagati y'abaturage, cyangwa ugasanga havutsemo urugomo bikarenga kuba gusa ikibazo cy'ubutaka. Ni ngombwa rero ko amakimbirane akemurwa hakiri kare.

Gushaka igisubizo cyashyirwa mu bikorwa

Ibisubizo biteganywa ku makimbirane bigomba kuba bishobora gushyirwa mu bikorwa n'impande zifitanye ikibazo zombi. Ntacyo bimaze gutanga igisubizo igihe hari imbagamizi mu ishyirwa mu bikorwa ryacyo.

Gushaka igisubuzo kitabera

Igisubizo kigomba kuba kigendeye ku mategeko n'ibikenewe n'abafitanye ikibazo. Iyo umwe mu bafitanye ikibazo yumva yarenganiye, kucyemera ntibizamara igihe, ahubwo bishobora kubyara amakimbirane bikanagabanya ikizere abantu bagirira abashinzwe gukemura ibibazo.

Gushaka igisubizo cyakwemerwa

Ni ngombwa ko abafitanye ikibazo bemeranywa ku gisubizo aho kukibatsindira. Igisubizo ntigihabwa agaciro iyo abafitanye ikibazo batabyemeranyijweho.

Gushaka igisubizo kirambye

Amakimbirane amwe n'amwe agaragara nk'aho yakemutse ariko usanga ibisubizo byayo ari nk'agateganyo. Ni ngombwa kugenzura ko ibyemeranyijweho bizamara igihe, bikaba bisaba gukurikirana imikirize y'ikibazo nyuma y'uko impande zombi zagize icyo zemeranywaho.

Gusuzuma no gukemura amakimbirane bikorwa intambwe ku yindi

Gusuzuma no gukemura amakimbirane bigomba gukorwa intambwe ku yindi, mu buryo bukurikira:

- **Kugaragaza ikibazo**

Mu by'ukuri ikibazo cyangwa ibibazo ni ibihe? Byagenze gute? Ni bande babifitemo uruhare? Haba hakenewe amakuru cyangwa irindi suzuma kugira ngo ikibazo kibashe kugaragara neza? Ese impande zombi zishobora kumva ibikubiye mu bimenyetso bifatika?

Ibi bibazo bifasha kwirinda kugendera ku bimenyetso ahubwo hakibandwa ku ishingiro ry'amakimbirane ari ryo kibazo ny'irizina. Impande zirebwa n'ikibazo zishobora gusabwa kuvuga uko zibona ipfundo ry'ikibazo.

- **Kumenya ibyifuzo by'abafitanye ikibazo**

Mu by'ukuri, abarebwa n'ikibazo barifuza iki? Ni ngomwa kubona intego abafitanye ikibazo bahuriyeho, kuko byafasha mu murimo wo gushakisha igisubizo cyakwemerwa n'impande zombi. N'ubwo ibyo kandi bitashoboka, ni ngombwa ko intego ya buri ruhande igaragazwa kugira ngo bese babashe kubisobanukirwa.

- **Gusuzuma uko ibintu byifashe**

Ese ikibazo gishobora gukemurwa uko cyakabaye cyangwa cyagenda kivanwamo utubazo duto duto ? Niba mwiyeje gukemura ikibazo, mwaba mufite amahirwe yo kugikemura burundu?

Mu gusozza icyi gice twakwibutsa ko gukemura amakimbirane mu buryo bunononsoye bisaba kumenya ubwoko n'inkomoko y'amakimbirane, kuko amakimbirane agira agaciro kayo, akabaho (aravuka, agakura hanyuma akarangira). Si ngombwa gushakisha byanze bikunze uburyo yajya ahagaragara cyangwa ngo umenye ufite ukuri n'utagufite. Ni byiza kandi gushaka ubufasha iyo bikenewe.

Ni byiza kwibanda ku nyungu no ku bikenewe n'abafitanye ikibazo, gukoresha uburyo bwo

kubaringaniza kugira ngo ikibazo bakivemo neza, kureba ingingo batandukaniyeho no gushingira ku byo bahuriraho, kubumvikanisha ugendeye ku bintu bifite agaciro n'ibyo bahuriraho, kugabanya ibibatandukanya no gushaka inyungu zava mu bwumvikane.

Muri rusange, igihe ukumira cyangwa ukemura amakimbirane, ni ngombwa kwibuka ko buri kibazo kivutse kigira igisubizo cyacyo bijyanye. Ntabwo amakimbirane yose agira igisubizo kimwe gusa, cyangwa uburyo bumwe bwo kuyakemura.

Gusobanukirwa neza: Abunzi bagomba kumenya ko impande zose zisobanukiwe neza uburenganzira bwazo n'izindi nzira zanyuramo ngo zikemurirwe ikibazo zifitanye. Abafitanye amakimbirane bagira uruhare mu bwunzi, bafite gusobanukirwa neza izindi nzira zanyuramo, kandi bakaba bafite ubwenge buhagije bwo gusobanukirwa uko ubwunzi bugenda no kuba bashobora kuvugana mu buryo bwumvikana n'abunzi n'abandi baburana. **Isuzumabumenyi ry'amahame n'imyitwarire ku muntu (umwunzi) kugiti cyeye**

Amabwiriza: Urasoma ibyabonetse ubigereranye n'imyitwarire yawe. Bishyire ku ijanisha uko iyi mibare yanditse n'ubusobanuro bwayo kuva kuri 1(simbyemera), 2(simbyemeraneza) kugeza kuri 3(Ndabyemera).

Amahame y'imyitwarire	Ijanisha		
	1 (Simbyemera)	2 (simbyemera neza)	3 (Ndabyemera)
Nshobora kwakira/gufasha abantu bose kimwe, nubwo umwe yaba ari inshuti yanjye undi atariyo.	1	2	3
Nshobora kumva ibitekerezo bitandukanye ntabogamiye kuruhande uru n'uru.	1	2	3
Nemera ko abantu bashobora kugira ibitekerezo bitandukanye n'ibyanjye kandi bashobora gukora ibirenze ibyanjye.	1	2	3
Sinahemukira abaturage.	1	2	3
Nubaha agaciro n'uburenganzira bw'abaturage kandi mpa agaciro ibitekerezo byabo.	1	2	3
Mbaho ubuzima bumpesheje agaciro	1	2	3
Ndi umunyakuri igihe cyose ku baturage bose.	1	2	3
Nicisha bugufi imbere y'abandi	1	2	3
Nubaha abantu bose kimwe ntagendeye kubyo bashinzwe cg bakora mu mu ryango nyarwanda.	1	2	3
Nshobora gutanga ibitekerezo byanjye ariko sinshobora gutekereza abandi mbere y'uko mpura nabo ngo numve ibyabo.	1	2	3

Umwanzuro:

- Abahugurwa bagomba gusobanukirwa neza n'amahame agenga imyitwarire yabo mu kazi;
- Abahugurwa bagomba gusuzuma kugira ngo barebe ko imyitwarire yabo ya buri munsu ihuye n'ibiteganyijwe n'amahame y'imyitwarire yabo.

Ibyo umufashamyumvire agomba kwitaho:

Icy'ingenzi muri iki kiganiro, ni ukuganira mwerekana aho bitagenze neza/aho amahame y'imyitwarire atubahirijwe.

ISOMO RYA VII: UBURYO BWO KUNGA	
Intego y'isomo:	<ul style="list-style-type: none"> o Abahugurwa bazunguka ubumenyi mu kunga ubumenyi bwo kunga kugirango bajye babasha gukora umurimo wabo mu buryo bunoze.
Ibikenerwa:	<ul style="list-style-type: none"> - Igipapuro kinini - Marikeri - Udufashi
Intangiriro: Kwiyibutsa amahame shingiro agenderwaho mu kunga. Ibi birafasha abahugurwa kumenya neza uko kunga bikorwa.	
Uburyo kunga bikorwa Uburyo bukoreshwa: <ul style="list-style-type: none"> - Umufashamyumvire azategura imikino 2 buri mukino ugaragaza ikibazo, abagifitanye bajyane n'abunzi bari bukemure ikibazo. - Umufashamyumvire azashyira abahugurwa mu matsinda 2 abahe umukino kuri buri tsinda n'umwanya wo kwitoza iyo mikino. - Itsinda rimwe rizakina umukino imbere y'irindi, umufashamyumvire asaba abahugurwa kwandika ibitekerezo ku byagenze neza n'ibitagenze neza mu makayi yabo kugirango baze kubiganiraho nyuma y'umukino. - Umufashamyumvire azerekana intambwe zigize umuhango wo kunga agerageza gukosora ibyagaragaye mu mukino. - Umufashamyumvire azaha ayo matsinda umwanya wo gukosora imikino yabo, noneho itsinda rya 2 rize rikine imbere y'irya mbere. 	
VII.1 Uburyo kunga bikorwa: Mu gukemura ikibazo bagejejweho, Abunzi babanza kugerageza guhuza (kunga) impande zombi kugira ngo umwanzuro ube wumvikanyweho. Kuri iyi ntera Abunzi bafasha nk'abunzi koko: bagomba gufasha impande zifitanye ikibazo kubona igisubizo ubwabo; iyo bidashobotse, abunzi batanga igitekerezo kirimo igisubizo.	
VII.1.1 Kwandika ikibazo n'inyandiko itumiza abafitanye ikibazo Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge cyangwa w'Akagari yandika mu gitabo cy'ibibazo cya Komite y'Abunzi ikibazo ashakirijwe n'umwe mu bafitanye ikibazo. Yandika inshamake yacyo akaba ari we ugiha inyito bwa mbere. Nyuma y'ibyo, Umunyamabanga Nshingwabikorwa ashakiriza icyo gitabo biro ya Komite y'Abunzi.	

Biro ya Komite y'Abunzi igena igihe igikorwa cyo kunga kizabera ikuzura n'inyandiko zabugenewe zitumira abafitanye ikibazo ku mpande zombi. Muri izo nyandiko bagaragaza **inshamake y'ikibazo**, itariki n'aho kunga bizabera. Kuri icyo ntambwe mushobora no gusuzuma inyito y'ikibazo yatanze ku bwa mbere n'umunyamabanga Nshingwabikorwa.

Biro ya Komite y'Abunzi itumira impande zombi zifitanye ikibazo, zigasinye no kubutumire zihawe (hagize uwanga gusinye byandikwa kuri ubwo butumire). Kopi yasinyweho n'abafitanye ikibazo ibikwa na biro ya Komite y'Abunzi.

Igihe ntarengwa: Inyandiko itumira abafitanye ikibazo igomba kugera ku bafitanye ikibazo byibuze mbere y'iminsi ibiri (2) y'akazi, hagati y'umunsi bayishyikirijweho n'umunsi wo gusuzuma ikibazo. (**Urugero:** Iyo abafitanye ikibazo bashyikirijwe inyandiko zibatumira ku wa kane, inteko y'Abunzi ntishobora guterana mbere yo ku wa kabiri uzakurikiraho).

II.1.2 Uruhare rw'umwunzi igihe yungu

Umwunzi agomba gufasha abafitanye ikibazo gusobanura imitere yacyo n'icyagiteye, agashakira hamwe n'abafitanye ikibazo uburyo cyakemurwamo, akanabayobora ku gisubizo kinyura buri wese muri bo. Agerageza kumva no kwita ku nyungu zihishe mu byifuzo bya buri ruhande.

N'ubwo bitoroha guhuza ibivugwa n'impande zombi, birashoboka kuzumvikanisha mu byifuzo iyo zisobanukiwe neza uko ikibazo giteye. Birashoboka kandi ko abandi bantu bateraniye aho bagira icyo bongeraho impande zombi ziba zibagiwe kuvuga.

Ni ngombwa kandi gufasha abafitanye ikibazo gushyikirana, cyane cyane bahindura uburyo bwo kuvugana bagashyira hamwe aho guhangana. Ikindi cyakorwa ni ukumvisha akamaro ko kwishakira igisubizo kibereye buri wese hagamijwe guha imbaraga impande zombi zigahurira hagati zikishakira igisubizo. Ibyo bifungura inzira y'ubwiyunge, bikongera amahirwe y'uko abafitanye ikibazo bazubahiriza amasezerano y'ubwumvikane.

Mu gihe yungu, umwunzi afasha abafitanye ikibazo kwishakira ubwabo igisubizo, ariko ntagomba kubahatira umwanzuro n'ubwo yaba abona ko ukurikije amategeko. Imyifatire y'abafitanye ikibazo igaragaza niba kunga bishoboka cyangwa bidashoboka. Ntacyo bimaze rero gukomeza kwinginga umwanya munini igihe bigaragara ko abafitanye ikibazo badashobora kumvikana, kuko bituma barushaho gutsimbarara ku bitekerezaho byabo.

Gusa umwunzi agomba kugaragaza inyungu zo kwiyunga hagati y'abafitanye

ikibazo, n'ingaruka zibaho iyo nta gisubizo cyumvikanyweho kibonetse. Iyo uruhande rumwe rutishimye bituma amakimbirane atinda gukemuka, ari nako yica imibanire hagati y'abafitanye ikibazo.

1. Gutangiza kunga

Ibyiciro 6 by'ingenzi mu gutangiza kunga:


1. Kwakira neza abafitanye ikibazo :
2. Kubareka bakihitiramo Abunzi bagize inteke yunga
3. Gutangaza itangira ryo kunga no gusobanura inshingano z'Abunzi
4. Kugaraza imyirondoro y'abafitanye ikibazo n'ikibazo kigiye gusuzumwa.
5. Gusobanura uburyo bwo gufata ijambo
6. Guheza abatangabuhamya n'abandi bose bafite amakuru ku kibazo gisuzumwa.

2. Kunga ny'irizina

Intambwe 7 z'ingenzi mu gihe cyo kunga :

1. Kugaragaza inkomoko y'ikibazo
2. Kumva icyo abafitanye ikibazo bavuga
3. Kugaragaza ibyifuzo by'abafitanye ikibazo
4. Gushakisha andi makuru aho biri ngombwa
5. Kwifashisha buri muntu wese ushobora kugira uruhare mu kubona igisubizo
6. Gufasha abafitanye ikibazo gushakisha ibisubizo bitandukanye
7. Kubaha igisubizo gishoboka iyo batabyishoboreye

Igishushanyo cy'Umwanzuro wo kunga



3. Inama zakwifashishwa mu gihe cyo kunga

- (1) Gutegura aho kunga bikorerwa ku buryo bifasha mu kunga abafitanye ikibazo.
- (2) Kutareka abafitanye ikibazo ngo **bahagarare imbere y'Abunzi bo bicaye**. Ibi byagaragara nk'aho ari urukiko kandi bigatuma abafitanye ikibazo bagira imyifatire yo gushaka kwirwanaho, akagira imyifatire nk'iy'ababuranyi.
- (3) Ni ngombwa ko abafitanye ikibazo bumva bisanzuye, bifitemo icyizere cyo gusobanura ibibazo byabo.
- (4) Gusobanurira abafitanye ikibazo umurimo wanyu, uruhare mugira n'ikiba kigamijwe mu kunga. Ni ngombwa gusobanura ko umurimo w'ingenzi w'Abunzi ari ukunga abafitanye ikibazo. Nk'uko izina ryabo ribivuga, itegeko ribasaba guhuza abafitanye ikibazo, uruhare rw'Abunzi si ukwemeza ufite cyangwa udafite ukuri. **Si ukugaragaza uwatsinze n'uwatsinzwe**.
- (5) Kutibanda cyane ku byo abafitanye ikibazo bavuga byabaye cyangwa bitabaye, ahubwo hakibandwa ku ishingiro ry'ikibazo cyabo.
- (6) Iyo hamaze kumvwa ibisobanuro bya buri wese mu bafitanye ikibazo, si byiza kwihutira kubabaza ibibazo cyangwa kubaza abatangabuhamya hagamijwe gushaka kumenya ukuri kw'ibyabaye no kugira ngo hemezwe ufite ukuri.
- (7) Mu kunga, ni ngombwa kwita cyane ku byo buri muntu akeneye, inyungu abifitemo, ibyo agamije, impungenge n'ibyo yumva ategereje kubona.
- (8) Gukora ku buryo abantu bose barebwa n'ikibazo cyangwa se abo gishobora kugiraho ingaruka bagira uruhare mu kugikemura.
- (9) Gusaba buri wese mu bafitanye ikibazo kwishyira mu mwanya wa mugenzi we.
- (10) Kumva imiterere y'ikibazo cya buri ruhande hanyuma kigakorerwa inshamake nta ruhande rubogamiweho.
- (11) Gusaba impande zombi kugira icyo zibivugaho kugira ngo hasuzumwe niba ibisobanuro abafitanye ikibazo batanze byumviswe.
- (12) Gusobanurira abafitanye ikibazo ko bagomba ubwabo kwibonera umuti, ko uruhare rw'Abunzi ari ukubafasha kungurana ibitekerezo no gusuzuma ibisubizo bitandukaniye kugira ngo ikibazo cyabo gikemuke.
- (13) Kubaza ibibazo bikenewe: abafitanye ikibazo baza mu bwunzi kubera ko bananiwe kumvikana ubwabo. Bumwe mu buryo bwiza bwo kugira ngo abafitanye ikibazo bavuge neza ibibazo byabo ni ukubabaza witonze ibibazo wateguye.

(14) Gutega amatwi: gutega amatwi ni urufunguzo rwo kubaka ikizere mu bafitanye ikibazo bakiriwe mu bwunzi. Igihe abunzi bateze amatwi abafitanye ikibazo birinda ibi bikurikira:

1. Kurangara baganira hagati yabo
2. Gukoresha telefoni
3. Guhagarika uvuga bya hato na hato
4. Guhaguruka buri kanya

(15) Kuva ku byifuzo ugana ku nyungu: Bumwe mu bumenyi bw'ingenzi umwunzi agomba kugira ni ububasha bwo gutandukanya ibyifuzo n'inyungu.

(16) Kuva ku nyungu ugana ku bisubizo: Nyuma yo kuyobora ibiganiro byose ukamenya inyungu za buri ruhande ukazandika, uba witeguye kujya ku cyiciro gikurikira: gushaka ibisubizo. Ibindi bisubizo ni amasezerano ashobora gusubiza inyungu z'abafitanye ikibazo.

(17) Gusubiramo: Igikorwa cyoroheje cyo gusubiramo amagambo y'abafitanye ikibazo bishobora kubafasha kumva ko batezwe amatwi kandi ko bumviswe. Nubwo rwose bisa nkaho bidasanzwe ndetse bikaba bidashimishije rimwe na rimwe, uzirinde ko abafitanye ikibazo batekereza ko igihe usubiramo amagambo bavuze, uba udakomeje, kandi wowe uba ugira ngo urusheho gusobanukirwa.

(18) Kwandika amasezerano: Kuva umwunzi abonye intangiriro y'ubwumvikane, ni igihe cyo gufasha abafitanye ikibazo ngo basubiremo noneho mu magambo yumvikana kandi yoroshye bandike amasezerano yagezweho ku kibazo bitandukanye, bayakusanyirize mu masezerano amwe ya nyuma.

4. Urutonde rw'ibikenewe mu kwandika amasezerano

Kuba aboneye:

- Amasezerano asubiza inyungu zagaragajwe?

Umucyo:

- Amagambo akoreshwa atanga ubusobanuro bumwe bw'ukuri?
- Ese mu masezerano hirinzwe imvugo y'amategako?

Kuvuga neza uko biri:

- Amasezerano arimo amagambo ya ngombwa?
- Amasezerano arimo ibisubizo bya: Inde? Iki? Ryari? Hehe? Gute?

Birashoboka gukorwa?

- Ese ibyo ababuranyi bemeye bazabikora?

Gushimangira:

- Ese ababuranyi barasobanukiwe nibyo bagomba gukora?

- Ese ababuranyi barasobanukiwe n’ingaruka mu gihe batahora ibyo bemeye?

Amagambo yoroshye kumva:

- Ese amagambo yakoreshejwe arasa ku ntego kandi arasobanutse?

5. icyifuzo n’inyungu

Umurimo wo kunga ukubiye mu bushobozi bwo gukura abafitanye ikibazo ku nyungu za buri wese ukabageza ku nyungu rusange. icyifuzo ni ikintu umwe mu bafite ikibazo yumva cyakorwa cyangwa ikintu cyihariye asaba.

Urugero:

- “Ndashaka kuba ariye uhabwa abana nkabarera,”
- “Ndasaba amafaranga 300.000 y’indishyi.”

Kenshi abafitanye ikibazo baza mu bwunzi bafite icyifuzo kimwe, kandi bafunze mu mutwe ko bagomba kukibona; bitandukanye n’inyungu, aho zo ziba ari ikigenderewe n’abafitanye ikibazo, ibyiringiro na “kuki” iba yihishe inyuma y’ibyifuzo. Buri gihe ibyifuzo by’abafitanye ikibazo biba byenda kuba bihabanye (ariyo mpamvu baza mu bwunzi). Ibi bivuze ko kwibanda ku byifuzo nta na rimwe byabageza ku mwanzuro; ariko guhindukira bakibanda ku nyungu zabo, bifungura inzira nyinshi zo kubigeraho.

Kuva ku nyungu ugana ku bisubizo: Nyuma yo kuyobora ibiganiro byose ukamenya inyungu za buri ruhande ukazandika hakurikiraho gushaka ibisubizo. Abafitanye ikibazo baza mu bwunzi kubera ko bananiwe kugera ku bwumvikane bubanogeye bombi, kubw’ibyo rero gushaka ibindi bisubizo bishoboka bisaba gutekereza (guhanga).

Imwe mu nzira zikora neza zifasha mu gutekereza guhanga ni uguhindura ibitekerezo. Kuva ku bisubizo bishoboka ugana ku masezerano: Ku rutonde rw’ibisubizo bishoboka, umwunzi ashobora noneho kuyobora abafitanye ikibazo mu gusuzuma no kumenya ibisubizo binogeye inyungu zabo kuruta ibindi. Bishobotse, kenshi birafasha gusuzuma ireme ry’ibisubizo ukoresheje ibisabwa mw’isuzuma biturutse hanze; urugero, icyitegererezo cy’uruganda ni ikihe, ese hari amabwiriza, amategeko twareberaho yo gukurikiza, ni iki gikorwa hose, n’ibindi.

Ubwunzi ntabwo kenshi bukurikiza umurongo ntakuka. Mu yandi magambo, umwunzi ntabwo ashobora gutekereza ko gahunda izagenda neza nta kibazo kuva ku ntabwe iyi ujya ku yindi. Niba abafitanye ikibazo badashoboye kwemeranya ku gisubizo runaka (cyangwa ku bisubizo bitandukanye), umwunzi ashobora gusubiramo inyungu kugira ngo hamwe n’abafitanye ikibazo barebe ko nta nyungu z’ingenzi bibagiwe.

Umwunzi ashobora na none gusubira mu cyiciro cyo gushakisha ibisubizo, agafasha abafitanye ikibazo gukomeza gukusanya ibitekerezo bashaka ibisubizo bishya.

Igihe ufasha abafitanye ikibazo kureba ku nyungu rusange ni ngombwa gusubiramo; n'igikorwa cyoroheje cyo gusubiramo amagambo y'abafitanye ikibazo bishobora kubafasha kumva ko batezwe amatwi kandi ko bumviswe. Nubwo rwose bisa nkaho bidasanzwe ndetse bikaba bidashimishije rimwe na rimwe, uzirinde ko abafitanye ikibazo batekereza ko igihe usubiramo amagambo bavuze, uba udakomeje, kandi wowe uba ugira ngo urushaho gusobanukirwa.

6. Kwandika imyanzuro

Igihe umwunzi abonye itangiriro ry'ubwumvikane, ni igihe cyo gufasha abafitanye ikibazo ngo basubiremo noneho mu magambo yumvikana kandi yoroshye bandike amasezerano yagezweho ku bibazo bitandukanye, bayakusanyirize mu masezerano amwe ya nyuma.

Urufunguzo rwo kwandika amasezerano ya nyuma neza, ni ugukoresha amagambo yumvikana, kandi abafite ikibazo bagakomeza kuyobora gahunda no kugira umwanzuro uwabo. Ubundi aya masezerano azaba agomba kubahirizwa nk'itegeko cyangwa se byibuze abe intangiriro y'umwanzuro ukurikije amategeko, kubw'ibyo umwanzuro ugomba gukurikiza amategeko n'amabwiriza y'aho hantu haba mu migenzereze no mubigize umwanzuro.

URUTONDE RW'IBIKENEWE MU KWANDIKA AMASEZERANO

Kuba aboneye:

- Amasezerano asubiza inyungu zagaragajwe?

Umucyo:

- Amagambo akoreshwa atanga ubusobanuro bumwe bw'ukuri?
- Ese mu masezerano hirinzwe imvugo y'amategeko?

Kuvuga neza uko biri:

- Amasezerano arimo amagambo ya ngombwa?
- Amasezerano arimo ibisubizo bya: Inde? Iki? Ryari? Hehe? Gute?

Birashoboka gukorwa?

- Ese ibyo ababuranyi bemeye bazabikora?

Gushimangira:

- Ese ababuranyi barasobanukiwe nibyo bagomba gukora?
- Ese ababuranyi barasobanukiwe n'ingaruka mu gihe batahora ibyo bemeye?

Amagambo yoroshye kumva:

- Ese amagambo yakoreshejwe arasa ku ntego kandi arasobanutse?

Umwitoto ku myitwarire y'abunzi

Urugero	Amahame atubahirijwe	Uburyo byakorwamo
1. Igihe musuhuza impande zombi mugiyeye kunga, abunzi bahereza umwe umukono/akaboko undi bakamuramutsa cyane nkaho badaherukanye.		
2. Abunzi bamaze kumva impande zombi zifitanye ikibazo, ariko nta gisubizo kigeze kiboneka nyuma y'impaka zabayeho; bagahita babwira abafitanye ikibazo ko babona runaka ariwe uri mukuri kandi ko ariwe watsinze.		
3. Nyuma yo kunga, umwunzi akitahira yagera iwe mu rugo agatangira gusubiriramo umugore we amakimbirane yiriwe akemura umunsi wose.		
4. Mbere y'uko kunga bitangira umuyobozi mu nzego z'ibanze yasabye ko yabanza akagira icyo abwira abunzi. Uyu muyobozi azi byinshi kukibazo bagiyeye kunga kandi we afite uburyo bwe yumva byakemurwamo. Uyu muyobozi yabwiye abunzi ko bagomba kuzirikana ko bakemura iki kibazo nkuko yabibabwiye		
5. Abantu bafitanye ikibazo bashobora kuba baturuka mu miryango itandukanye/bamwe bakize abandi ari abakene; mu gihe cyo kunga abunzi bahaye umwanya uhagije umukire, abunzi bahaye umwanya muto cyane umukene kandi ukabona ibyo avuga batabyitayeho.		

Ibyo umufashamyumvire agomba kwitaho:

Icy'ingenzi muri iri somo ni ukuganira mwerekana aho bitagenze neza/aho amahame yo kunga atubahirijwe, gusa hari aho uhugurwa ashobora gutsimbarara ku gisubizo yatanze aho mumwerekana uko bimeze ariko n'ibye ntimubiteshe agaciro.

UMWANZURO

Muri rusange, umwunzi n'umuntu ushinze kunga abantu bafitanye ikibazo mbere y'uko bagishikiriza urukiko rufite ububasha, ni byiza ko anahabwa ubumenyi ku murimo wo kunga muri rusange.

IMIGEREKA

Isuzumabumenyi	
Impamvu y'isomo:	- Bituma umufashamyumvire amenya isura nyayo y'ibyo yahuguyeho, niba byari biteguye neza, byaratanze neza, byarumvikanye ndetse n'umusaruro byatanze
Ibikenewe:	- Urupapuro runini - Marikeri - Udufashi
Igihe cyateganyijwe:	- Iminota 20
Intangiriro:	
<ul style="list-style-type: none"> - Nyuma y'amahugurwa tumazemo iminsi ibiri turasuzumira hamwe ibyo twayungukiyemo. - Ni ngombwa ko abahugurwa bandika amazina yabo ku mpapuro bakoreyeho 	
Ikiganiro:	
<ul style="list-style-type: none"> - Abahugurwa bazuzura urupapuro rw'isuzumabumenyi nyuma baruhe umufashamyumvire 	
Umwanzuro:	
<ul style="list-style-type: none"> - Umufashamyumvire arashimira abahuguwe bose uburyo bitwaye mu mahugurwa, uburyo bakurikiye ndetse n'ibyo bahungukiye - Abahugurwa bashoje amahugurwa yabateganyirijwe 	
Ibyo Umufashamyumvire agomba kwitaho:	
<ul style="list-style-type: none"> - Nti byemewe/si byiza ko umufashamyumvire areba kurupapuro rw'abahugurwa bari gukora kugeza igihe bazimuhereye 	

Umugereka wa1-Urupapuro rw'isuzumabumenyi

Urupapuro rw'isuzumabumenyi

Amazina: _____ Itariki: _____

Aho _____ amahugurwa _____ yabereye: _____

Musubize ibibazo bikurikira:

Muvuge uko mwabonye amahugurwa bijyanye n'umurimo wanyu wo kunga.

Vuga ibintu 2 cyangwa 3 wakunze cyangwa byagushimishije muri aya mahugurwa

Tubwire uko wifuza amahugurwa yajya akorwamo(ibyakosorwamo)

Ikindi kintu wakongeraho cyangwa ikifuzo

Ingengabihe:

Umunsi wa 1=	
Intangiriro	
Imikemurire y'amakimbirane mu muryango nyarwanda	Iminota 45
Amavu n'amavuko bya Komite y'abunzi	Iminota 45
Gusobanukirwa amakimbirane	Iminota 45
Gusobanukirwa imyitwarire y'abantu mu gihe cy'amakimbirane	Iminota 45
Inkomoko z'amakimbirane	Iminota 30
Ingaruka z'amakimbirane	Iminota 30
Uburyo bwo gukemura amakimbirane	Iminota 60
Zimwe mu nzego zifashishwa mu gukemura amakimbirane	Iminota 30
Kwiyibutsa	Iminota 10

Umunsi wa 2 =	
Incamake y'ubushize	
Imyitwarire y'umwunzi	Iminota 60
Uburyo kunga bikorwa	Iminota 80
Gufata icyemezo kwa Komite y'Abunzi	Iminota 45
Ibikurikira umuhango wo kunga	Iminota 45
Imbogamizi zishingiye ku muco mu murimo wo kunga	Iminota 45
Isuzumabumenyi	Iminota 20